**ITEGEKO Nº20bis/2017 RYO KU WA 28/04/2017 RISHYIRAHO IKIGO GISHINZWE GUTEZA IMBERE UBUREZI MU RWANDA RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO**

**LAW Nº20bis/2017 OF 28/04/2017 ESTABLISHING RWANDA EDUCATION BOARD AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANISATION AND FUNCTIONING**

**LOI Nº 20 bis/2017 DU 28/04/2017 PORTANT CREATION DE L'OFFICE POUR LA PROMOTION DE L'EDUCATION AU RWANDA ET DETERMINANT SES MISSIONS, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

**Ingingo ya 2: Ubuzimagatozi n'ubwisanzure**

**Ingingo ya 3: Icyiciro REB iherereyemo**

**Ingingo ya 4: Icyicaro cya REB**

**UMUTWE WA II: INSHINGANO N'UBUBASHA BYA REB**

**Ingingo ya 5: Inshingano n'Ububasha bya REB**

**UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA REB N'AMASEZERANO Y'IMIHIGO**

**Ingingo ya 6: Urwego rureberera REB**

**TABLE OF CONTENTS**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article one: Purpose of this Law**

**Article 2: Legal personality and autonomy**

**Article 3: Category of REB**

**Article 4: Head Office of REB**

**CHAPTER II: MISSION AND POWERS OF REB**

**Article 5: Mission and powers of REB**

**CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF REB AND PERFORMANCE CONTRACT**

**Article 6: Supervising authority of REB**

**TABLE DES MATIERES**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

**Article 2: Personnalité juridique et autonomie**

**Article 3: Catégorie de REB**

**Article 4: Siège de REB**

**CHAPITRE II: MISSIONS ET COMPETENCES DE REB**

**Article 5: Missions et compétences de REB**

**CHAPITRE III: AUTORITE DE TUTELLE DE REB ET CONTRAT DE PERFORMANCE**

**Article 6: Autorité de tutelle de REB**

**Ingingo ya 7: Amasezerano y'imihigo**

**UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BYA REB**

**Ingingo ya 8: Inzego z'Ubuyobozi za REB**

**Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi**

**Ingingo ya 9: Abagize Inama y'Ubuyobozi ya REB**

**Ingingo ya 10: Ububasha bw'Inama y'Ubuyobozi**

**Ingingo ya 11: Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi**

**Ingingo ya 12 Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi**

**Ingingo ya 13: Inshingano za Visi-Perezida w'Inama y'Ubuyobozi**

**Ingingo ya 14: Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi**

**Ingingo ya 15: Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi ava muri uwo mwanya n'uko asimburwa**

**Ingingo ya 16: Itumizwa n'iterana ry'inama z'Inama y'Ubuyobozi**

**Article 7: Performance contract**

**CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF REB**

**Article 8: Management organs of REB**

**Section One: Board of Directors**

**Article 9: Composition of the Board of Directors of REB**

**Article 10: Powers of Board of Directors**

**Article 11: Responsibilities of the Board of Directors**

**Article 12: Duties of the Chairperson of the Board of Directors**

**Article 13: Duties of the Deputy Chairperson of the Board of Directors**

**Article 14: Incompatibilities with membership in the Board of Directors**

**Article 15: Reasons for loss of membership in the Board of Directors and modalities for replacement**

**Article 16: Convening and holding of meetings of the Board of Directors**

**Article 7: Contrat de performance**

**CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE REB**

**Article 8: Organes de direction de REB**

**Section première: Conseil d'Administration**

**Article 9: Composition du Conseil d'Administration de REB**

**Article 10: Compétences du Conseil d'Administration**

**Article 11: Attributions du Conseil d'Administration**

**Article 12: Attributions du Président du Conseil d'Administration**

**Article 13: Attributions du Vice-Président du Conseil d'Administration**

**Article 14: Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil d'Administration**

**Article 15: Causes de perte de la qualité de membre au Conseil d'Administration et modalités de remplacement**

**Article 16: Convocation et tenue des réunions du Conseil d'Administration**

**Ingingo ya 17: Itumira mu nama z'Inama y'Ubuyobozi ry'umuntu ushobora kuyungura inama**

**Ingingo ya 18: Iyemezwa ry'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi n'inyandikomvugo yayo**

**Ingingo ya 19: Umwanditsi w'Inama y'Ubuyobozi**

**Ingingo ya 20: Inyungu bwite ku kibazo gisuzumwa**

**Ingingo ya 21: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama**

**Icyiciro cya 2: Urwego Nshingwabikorwa**

**Ingingo ya 22: Abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa REB**

**Ingingo ya 23: Inshingano z'Urwego Nshingwabikorwa**

**Ingingo ya 24: Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru wa REB**

**Ingingo ya 25: Sitati igenga abakozi ba REB**

**Ingingo ya 26: Imishahara n'ibindi bigenerwa abagize Urwego Nshingwabikorwa**

**Article 17: Invitation of a resource person to the meetings of Board of Directors**

**Article 18: Approval of resolutions and minutes of the meeting the Board of Directors**

**Article 19: Rapporteur of the Board of Directors**

**Article 20: Personal interest in issues on the agenda**

**Article 21: Sitting allowances of members of the Board of Directors**

**Section 2: Executive Organ**

**Article 22: Composition of the Executive Organ of REB**

**Article 23: Responsibilities of the Executive Organ**

**Article 24: Powers and responsibilities of the Director General of REB**

**Article 25: Statutes governing the staff of REB**

**Article 26: Salary and other benefits for members of the Executive Organ**

**Article 17: Invitation d'une personne ressource aux réunions du Conseil d'Administration**

**Article 18: Approbation des résolutions et procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration**

**Article 19: Rapporteur du Conseil d'Administration**

**Article 20 : Intérêt personnel dans les points à l'ordre du jour**

**Article 21: Jetons de présence pour les membres du Conseil d'Administration**

**Section 2: Organe Exécutif**

**Article 22: Composition de l'Organe Exécutif de REB**

**Article 23: Attributions de l'Organe Exécutif**

**Article 24: Pouvoirs et attributions du Directeur Général de REB**

**Article 25: Statut régissant le personnel de REB**

**Article 26: Salaire et autres avantages accordés aux membres de l'Organe Exécutif**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 27: Imiterere n'imikorere by'inzego z'imirimo za REB** | **Article 27: Organization, functioning and responsibilities of organs of REB** | **Article 27: Organisation, fonctionnement et attributions des organes de REB** |
| **UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI** | **CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE** | **CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES** |
| **Ingingo ya 28: Umutungo wa REB n'inkomoko yawo** | **Article 28: Property of REB and its sources** | **Article 28: Patrimoine de REB et ses sources** |
| **Ingingo ya 29: Ingengo y'Imari ya REB** | **Article 29: Budget of REB** | **Article 29: Budget de REB** |
| **Ingingo ya 30: Imikoreshereze n'imigenzurire y'umutungo wa REB** | **Article 30: Use, management and audit of the property of REB** | **Article 30: Utilisation, gestion et audit du patrimoine de REB** |
| **Ingingo ya 31: Raporo y'umwaka w'ibaruramari** | **Article 31: Annual financial report** | **Article 31: Rapport annuel de l'exercice comptable** |
| **UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA** | **CHAPTER VI: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE VI: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES** |
| **Ingingo ya 32: Kwegurira abakozi, umutungo amasezerano n'imyenda** | **Article 32: Transfer of staff, property, contracts and liabilities** | **Article 32: Transfert du personnel, du patrimoine, des contrats et du passif** |
| **Ingingo ya 33: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko** | **Article 33: Drafting, consideration and adoption of this Law** | **Article 33: Initiation, examen et adoption de la présente loi** |
| **Ingingo ya 34: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko binyuranyije n'iri tegeko** | **Article 34: Repealing provision** | **Article 34: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 35: Igihe iri itegeko ritangira gukurikizwa** | **Article 35: Commencement** | **Article 35: Entrée en vigueur** |

**ITEGEKO Nº20 bis/2017 RYO KU WA 28/04/2017 RISHYIRAHO IKIGO GISHINZWE GUTEZA IMBERE UBUREZI MU RWANDA RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 28 Werurwe 2017;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 20, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 112**,** iya 119, iya 120, iya 139, iya 165 n'iya 176;

**LAW Nº20bis/2017 OF 28/04/2017 ESTABLISHING RWANDA EDUCATION BOARD AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANISATION AND FUNCTIONING**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 28 March 2017;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 20, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 112, 119, 120, 139, iya 165 and 176;

**LOI Nº 20bis/2017 DU 28/04/2017 PORTANT CREATION DE L'OFFICE POUR LA PROMOTION DE L'EDUCATION AU RWANDA ET DETERMINANT SES MISSIONS, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 28 mars 2017;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 telle que révisée en 2015, spécialement en ses articles 20, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 112, 119, 120, 139, 165 et 176;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 001/2016/OL ryo ku wa 20/04/2016 rishyiraho amategeko rusange agenga ibigo bya Leta;

Isubiye ku Itegeko n°44/2010 ryo ku wa 07/12/2010 rishyiraho Ikigo gishinzwe guteza imbere uburezi mu Rwanda (REB) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo;

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rishyiraho Ikigo gishinzwe guteza imbere uburezi mu Rwanda cyitwa "REB" mu magambo ahinnye y'Icyongereza. Rigena kandi inshingano, imiterere n'imikorere byacyo.

**Ingingo ya 2: Ubuzimagatozi n'ubwisanzure**

REB ifite ubuzimagatozi, ubwigenge n'ubwisanzure mu miyoborere, mu mikorere no mu micungire y'umutungo n'abakozi byayo, kandi icungwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Pursuant to Organic Law n° 001/2016/OL of 20/04/2016 establishing general provisions governing public institutions;

Having reviewed Law n°44/2010 of 07/12/2010 establishing Rwanda Education Board (REB) and determining its responsibilities, organisation and functioning;

**ADOPTS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

This Law establishes Rwanda Education Board, abbreviated as "REB". It also determines its responsibilities, organization and functioning.

**Article 2: Legal personality and autonomy**

REB enjoys legal personality, administrative functioning and financial autonomy and is governed in accordance with relevant laws.

Vu la Loi Organique n° 001/2016/OL du 20/04/2016 portant dispositions générales régissant les établissements publics;

Revu la Loi n°44/2010 du 07/12/2010 portant création de l'Office pour la promotion de l'Education au Rwanda (REB) et déterminant ses attributions, son organisation et son fonctionnement;

**ADOPTE :**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

La présente loi porte création de l'Office pour la promotion de l'Education au Rwanda, « REB » en sigle anglais. Elle détermine également ses attributions, son organisation et son fonctionnement.

**Article 2: Personnalité juridique et autonomie**

REB est doté de la personnalité juridique et de l'autonomie administrative et financière et est géré conformément à la législation en la matière.

**Ingingo ya 3: Icyiciro REB iherereyemo**

REB iri mu cyiciro cy' ibigo bya Leta bikora imirimo itari iy'ubucuruzi.

**Ingingo ya 4: Icyicaro cya REB**

Icyicaro cya REB kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda igihe bibaye ngombwa.

REB ishobora kugira amashami ahandi hose mu gihugu bibaye ngombwa, kugira ngo igere ku nshingano zayo, byemejwe n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

**UMUTWE WA II: INSHINGANO N'UBUBASHA BYA REB**

**Ingingo ya 5:Inshingano n'Ububasha bya REB**

REB ifite inshingano rusange yo gushyira mu bikorwa politiki y'uburezi mu bijyanye n'amashuri y'incuke, abanza, ayisumbuye, ayihariye n'amasomero y'abakuze batazi gusoma, kwandika no kubara.

By'umwihariko, REB ifite inshingano z'ingenzi zikurikira:

1° kugira uruhare mu gushyiraho politiki y'uburezi;

**Article 3: Category of REB**

REB falls within the category of non-commercial public institutions.

**Article 4: Head Office of REB**

The head office of REB is located in City of Kigali, the Capital city of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere on the Rwandan territory if considered necessary.

REB may, if considered necessary, have branches elsewhere in the country to successfully carry out its mission upon approval by a Prime Minister's Order.

**CHAPTER II: MISSION AND POWERS OF REB**

**Article 5: Mission and powers of REB**

REB has general mission to implement the education policy relating to nursery, primary, secondary and specialized education as well as adult basic education.

Particularly**,** REB has the following main mission:

1º to contribute to the development of education policy;

**Article 3: Catégorie de REB**

REB rentre dans la catégorie des établissements publics à caractère non commercial.

**Article 4: Siège de REB**

Le siège de REB est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de besoin, être transféré en tout autre lieu du territoire du Rwanda.

REB peut, en cas de besoin, établir des agences en tout autre lieu du territoire national pour mieux remplir sa mission, sur approbation par arrêté du Premier Ministre.

**CHAPITRE II: MISSIONS ET COMPETENCES DE REB**

**Article 5: Missions et compétences de REB**

REB a les missions générales de mettre en exécution la politique d'éducation en rapport avec l'enseignement maternel, primaire, secondaire et spécialisé ainsi que des centres d'alphabétisation pour adultes.

En particulier, REB a les principales missions suivantes:

1º contribuer à la mise en place de la politique de l'éducation;

2° guhuza no kwihutisha gahunda n'ibikorwa by'uburezi hagamijwe kugeza ku banyarwanda b'ingeri zose uburezi bufite ireme;

3° gutegura no gukwirakwiza integanyanyigisho, imfashanyigisho, inyoborabarezi, imbonezamasomo no kugena uburyo bwo kwigisha mu mashuri y'incuke, abanza, ayisumbuye, ayihariye n'ay'inyigisho z'abakuze batazi gusoma, kwandika no kubara hakurikijwe iterambere uburezi bugezeho;

4° gushyiraho no gukurikirana gahunda yo kwiga hakoreshejwe iyakure;

5° guteza imbere ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu burezi;

6° guhuza gahunda n'ibikorwa hagamijwe guteza imbere abarimu, kubongerera ubumenyi n'ubushobozi, kunoza no gukurikirana imicungire yabo;

7° gutegura, gukoresha no gukosora ibizamini bya Leta;

8° gutangaza amanota yavuye mu bizamini bya Leta;

2º to coordinate and fast track education programmes and activities aimed at providing to all categories of Rwandans quality education;

3º to prepare and distribute curricula, teaching materials, teacher's guides, methodologies and establish teaching methods for nursery, primary, secondary, specialized schools and adult literacy education in accordance with the current educational development;

4º to establish and monitor the distance learning program;

5º to promote the use of information and communication technology in education;

6º to coordinate programs and activities in order to develop teachers, build their capacities, improve and monitor their management;

7º to prepare, conduct and mark national examinations;

8º to publish national examinations results;

2º coordonner et accélérer la mise en œuvre des programmes et activités relatifs à l'éducation en vue d'offrir à toutes les catégories de Rwandais une éducation de qualité;

3º élaborer et distribuer les programmes d'enseignement, les matériels didactiques, les guides des enseignants, les méthodologies et déterminer les méthodes d'enseignement pour les écoles maternelles, primaires, secondaires, spécialisées ainsi que pour les centres d'alphabétisation pour adultes en fonction du développement actuel de l'éducation;

4º mettre en place et assurer le suivi du programme d'enseignement à distance;

5º promouvoir l'utilisation des technologies de l'information et de communication dans l'éducation;

6º coordonner les programmes et les activités en vue de promouvoir des enseignants, renforcer leurs capacités, améliorer et faire le suivi de leur mode de gestion;

7º préparer, faire passer et corriger les examens officiels;

8º publier les résultats des examens officiels;

9° gushyira mu myanya abanyeshuri batsinze ibizamini bya Leta barangije amashuri abanza n'ay'icyiciro rusange;

10° kugira inama Guverinoma ku bikorwa byose byakwihutisha iterambere ry'uburezi mu Rwanda;

11° gushyikirana no gukorana n'izindi nzego bihuje inshingano zo ku rwego rw'akarere u Rwanda ruherereyemo cyangwa mpuzamahanga.

REB ifite ububasha bwo gutanga impamyabumenyi n'impamyabushobozi ku banyeshuri batsinze ibizamini bya Leta.

**UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA REB N'AMASEZERANO Y'IMIHIGO**

**Ingingo ya 6: Urwego rureberera REB**

Urwego rureberera REB rugenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

**Ingingo ya 7: Amasezerano y'imihigo**

REB ikorera ku masezerano y'imihigo.

Uburyo REB ihiga n'uburyo bwo gusuzuma imikorere yayo bigenwa n'amategeko abigenga.

9º to orientate students of primary and ordinary level schools who passed the national examinations;

10º to advise Government on all activities which may fast track education development in Rwanda;

11º to cooperate and collaborate with other regional and international institutions having similar missions.

REB has powers to award certificate or diplomas to students who passed national examinations.

**CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF REB AND PERFORMANCE CONTRACT**

**Article 6: Supervising authority of REB**

A Prime Minister's Order determines the supervising authority of REB.

**Article 7: Performance contract**

REB operates on the basis of performance contract.

Modalities for the conclusion and evaluation of performance contract of REB are determined by relevant laws.

9º orienter les élèves du primaire et du tronc commun qui ont réussi les examens officiels;

10º conseiller le Gouvernement sur toutes les actions pouvant accélérer le développement de l'éducation au Rwanda;

11º établir des relations de collaboration et de coopération avec les autres agences régionales et internationales ayant les missions similaires.

REB a les pouvoirs d'octroyer les diplômes et les certificats aux élèves ayant réussi aux examens officiels.

**CHAPITRE III: AUTORITE DE TUTELLE DE REB ET CONTRAT DE PERFORMANCE**

**Article 6: Autorité de tutelle de REB**

Un arrêté du Premier Ministre détermine l'autorité de tutelle de REB.

**Article 7: Contrat de performance**

REB fonctionne sur base d'un contrat de performance.

Les modalités de conclusion et d'évaluation du contrat de performance de REB sont déterminées par la législation en la matière.

**UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BYA REB**

**Ingingo ya 8: Inzego z'Ubuyobozi za REB**

REB igizwe n'inzego z' Ubuyobozi ebyiri (2) zikurikira:

1° Inama y'Ubuyobozi;

2° Urwego Nshingwabikorwa.

**Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi**

**Ingingo ya 9: Abagize Inama y'Ubuyobozi ya REB**

Inama y'Ubuyobozi ya REB igizwe n'abantu barindwi (7) bashyirwaho n'iteka rya Perezida, barimo Perezida na Visi Perezida wayo.

Abagize Inama y'Ubuyobozi batoranywa hakurikijwe ubushishozi, ubushobozi n'ubuzobere byabo.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama y'Ubuyobozi bagomba kuba ari abagore.

Igihe abagize Inama y'Ubuyobozi ya REB bamara ku mirimo yabo n'uko basimburwa kigenwa n'iteka rya Perezida.

**CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF REB**

**Article 8: Management organs of REB**

REB is comprised of the following two (2) management organs:

1º Board of Directors;

2º Executive Organ.

**Section One: Board of Directors**

**Article 9: Composition of the Board of Directors of REB**

The Board of Directors of REB is composed of seven (7) members appointed by a Presidential Order including the Chairperson and the Deputy Chairperson.

Members of the Board of Directors are selected on the basis of their ability, competence and expertise.

At least thirty per cent (30 %) of members of the Board of Directors must be females.

The term of office of members of the Board of Directors of REB as well as their replacement are determined by a Presidential Order.

**CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE REB**

**Article 8: Organes de direction de REB**

REB est doté de deux (2) organes de direction suivants:

1° le Conseil d'Administration;

2° l'Organe Exécutif.

**Section première: Conseil d'Administration**

**Article 9: Composition du Conseil d'Administration de REB**

Le Conseil d'Administration de REB est composé de sept (7) membres, dont le Président et le Vice-président nommés par arrêté présidentiel.

Les membres du Conseil d'Administration sont choisis sur base de leur capacité, de leur compétence et de leur expertise.

Au moins trente pour cent (30%) des membres du Conseil d'Administration doivent être de sexe féminin.

La durée du mandat des membres du Conseil d'Administration de REB ainsi que leur

remplacement sont déterminés par arrêté présidentiel.

**Ingingo ya 10: Ububasha bw'Inama y'Ubuyobozi**

Inama y'Ubuyobozi ya REB ni rwo rwego rukuru mu miyoborere no gufata ibyemezo. Ifite ububasha busesuye bwo gufata ibyemezo mu byerekeye ubuyobozi, abakozi n'umutungo bya REB kugira ngo ishobore kugera ku nshingano zayo.

**Ingingo ya 11: Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi**

Inshingano z'ingenzi z'Inama y'Ubuyobozi ya REB ni izi zikurikira:

1° gukurikirana imikorere y'Urwego Nshingwabikorwa rwa REB no gutanga umurongo ngenderwaho ugomba gukurikizwa n'Urwego Nshingwabikorwa mu kuzuza inshingano zarwo;

2° kwemeza gahunda y'ibikorwa y'igihe kirekire n'iteganyabikorwa rya REB hamwe na raporo zijyana nabyo;

3° gusinyana amasezerano y'imihigo n'urwego rureberera REB;

**Article 10: Powers of Board of Directors**

The Board of Directors of REB is the supreme administrative and decision making organ. It has full powers to make decisions related to the management of staff and assets of REB in order to fulfil its responsibilities.

**Article 11: Responsibilities of the Board of Directors**

The main responsibilities of the Board of Directors of REB are the following:

1 º to oversee the functioning of the Executive Organ of REB and provide strategic guidance to be followed by the Executive Organ in fulfilling its responsibilities;

2 º to approve strategic plan and action plan of REB and related reports;

3 º to conclude a performance contract with the supervising authority of REB;

**Article 10: Compétences du Conseil d'Administration**

Le Conseil d'Administration de REB est l'organe suprême en matière d'administration et de prise de décision. Il a les pouvoirs étendus de prise de décision en matière d'administration et de gestion du personnel et du patrimoine de REB en vue de la réalisation de sa mission.

**Article 11: Attributions du Conseil d'Administration**

Les principales attributions du Conseil d'Administration de REB sont les suivantes:

1 º superviser le fonctionnement de l'Organe exécutif de REB et fournir une orientation stratégique devant être suivie par l'Organe Exécutif dans l'accomplissement de ses attributions;

2 º approuver le plan stratégique et le plan d'action de REB et les rapports y relatifs;

3 º conclure le contrat de performance avec l'autorité de tutelle de REB;

4° kwemeza amabwiriza ngengamikorere hamwe n'amategeko ngengamikorere ya REB;

5° kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya REB no gukurikirana ikoreshwa ry'ingengo y'imari n'ishyirwa mu bikorwa ryayo;

6° gufata icyemezo ku bibazo byose bikomeye biri mu nshingano za REB;

7° kwemeza umushinga w'imiterere y'inzego z'imirimo za REB zishyirwaho n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe;

8° gusuzuma imikorere ya REB hakurikijwe gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari;

9° gukemura amakimbirane arebana n'akazi hagati y'ubuyobozi bw'Urwego Nshingwabikorwa n'abakozi ba REB;

10° gutanga raporo y'ibikorwa bya buri gihembwe, iy'umwaka na raporo y'imikoreshereze y'imari ku rwego rureberera REB.

**<u>Ingingo ya 12</u> Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi**

Perezida w'Inama y'Ubuyobozi afite inshingano zikurikira:

4 º to approve procedure manuals and internal rules and regulations of REB;

5 º to approve the draft budget proposal of REB and monitoring budget use and execution;

6 º to decide on all critical matters falling within the mission of REB;

7 º to approve the draft of organizational structure of REB which is established by a Prime Minister's Order;

8 º to evaluate the functioning of REB in accordance with the action plan and the budget;

9 º to solve conflicts related to work between the management of Executive Organ and REB staff;

10 º to submit the quarterly and annual activity reports as well as financial reports to the supervising authority of REB.

**<u>Article 12:</u> Duties of the Chairperson of the Board of Directors**

The Chairperson of the Board of Directors has the following duties:

4 º approuver les manuels de procédures et le règlement d'ordre intérieur de REB;

5 º approuver l'avant-projet de budget de REB et assurer le suivi de l'utilisation et de l'exécution du budget;

6 º prendre la décision sur tous les sujets critiques relevant de la mission de REB;

7 º adopter le projet de cadre organique de REB qui doit être approuvé par arrêté du Premier Ministre;

8 º évaluer le fonctionnement de REB sur base du plan d'action et du budget;

9 º résoudre les conflits relatifs au travail entre la direction de l'Organe Exécutif et le personnel de REB;

10 º soumettre le rapport d'activités trimestriel et annuel ainsi que le rapport financier à l'autorité de tutelle de REB.

**<u>Article 12</u>: Attributions du Président du Conseil d'Administration**

Le Président du Conseil d'Administration a les attributions suivantes:

1° kuyobora Inama y'Ubuyobozi no guhuza ibikorwa byayo;

2° gutumiza no kuyobora inama z'Inama y'Ubuyobozi;

3° gushyikiriza inyandikomvugo z'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya REB urwego ruyireberera;

4° gushyira umukono ku masezerano y'imihigo hagati y'Inama y'Ubuyobozi n'urwego rureberera REB;

5° gushyikiriza raporo za REB zemejwe n'Inama y'Ubuyobozi inzego zibigenewe;

6° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi;

7° gukora indi mirimo yasabwa n'Inama y'Ubuyobozi iri mu nshingano zayo.

**Ingingo ya 13: Inshingano za Visi-Perezida w'Inama y'Ubuyobozi**

Visi-Perezida w'Inama y'Ubuyobozi afite inshingano zikurikira:

1° kunganira Perezida no kumusimbura igihe cyose adahari;

1° to chair the Board of Directors and coordinate its activities;

2° to convene and preside over meetings of the Board of Directors;

3° to submit minutes of meetings of the Board of Directors of REB to its supervising authority;

4° to sign the performance contract between the Board of Directors and the supervising authority of REB;

5° to submit reports of REB adopted by the Board of Directors to relevant organs;

6° to follow up the implementation of resolutions of the Board of Directors;

7° to perform other duties assigned to him/her by the Board of Directors falling within its responsibilities.

**Article 13: Duties of the Deputy Chairperson of the Board of Directors**

The Deputy Chairperson of the Board of Directors has the following duties:

1° to assist the Chairperson and deputize for him/her in his/her absence;

1° diriger le Conseil d'Administration et coordonner ses activités;

2° convoquer et présider les réunions du Conseil d'Administration;

3° soumettre les procès-verbaux des réunions du Conseil d'Administration de REB à son autorité de tutelle;

4° signer le contrat de performance conclu entre le Conseil d'Administration et l'autorité de tutelle de REB;

5° soumettre aux organes concernés les rapports du REB adoptés par le Conseil d'Administration;

6° suivre la mise en œuvre des résolutions du Conseil d'Administration;

7° effectuer toute autre tâche relevant des attributions du Conseil d'Administration que ce dernier peut lui confier.

**Article 13: Attributions du Vice-Président du Conseil d'Administration**

Le Vice-Président du Conseil d'Administration a les attributions suivantes:

1° assister le Président et le remplacer en cas d'absence;

2° gukora imirimo yose yasabwa n'Inama y'Ubuyobozi iri mu nshingano zayo.

**Ingingo ya 14: Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi**

Abagize Inama y'Ubuyobozi ntibemerewe gukora umurimo ugenerwa igihembo muri REB.

Abagize Inama y'Ubuyobozi ntibemerewe kandi, haba ku giti cyabo cyangwa ibigo bafitemo imigabane gupiganira amasoko atangwa na REB

**Ingingo ya 15: Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi ava muri uwo mwanya n'uko asimburwa**

Ugize Inama y'Ubuyobozi ya REB ava muri uwo mwanya iyo :

1° manda ye irangiye;

2° yeguye akoresheje inyandiko;

3° atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga bw'umubiri cyangwa uburwayi bwo mu mutwe, byemejwe n'akanama k'abaganga batatu (3) bemewe na Leta;

2° to perform any duties assigned to him/her by the Board of Directors falling within its responsibilities.

**Article 14: Incompatibilities with membership in the Board of Directors**

Members of the Board of Directors are not allowed to perform any remunerated activity within REB.

Members of the Board of Directors are also not allowed, whether individually or companies in which they hold shares, to bid for tenders of REB.

**Article 15: Reasons for loss of membership in the Board of Directors and modalities for replacement**

A member of the Board of Directors loses membership if:

1° the term of office expires;

2° he/she resigns in writing;

3° he/she is no longer able to perform his/her duties due to physical or mental disability certified by a Committee of three (3) authorized medical doctors;

2° effectuer toutes les tâches relevant des attributions du Conseil d'Administration que ce dernier peut lui confier.

**Article 14: Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil d'Administration**

Les membres du Conseil d'Administration ne sont pas autorisés à exercer une activité rémunérée au sein de REB.

Les membres du Conseil d'Administration ne sont non plus autorisés, soit individuellement ou par le biais des sociétés dont ils sont actionnaires, de soumissionner aux marchés de REB.

**Article 15: Causes de perte de la qualité de membre au Conseil d'Administration et modalités de remplacement**

Un membre du Conseil d'Administration cesse d'être membre si:

1° son mandat expire;

2° il démissionne par écrit;

3° il n'est plus en mesure de remplir ses fonctions pour cause d'incapacité physique ou mentale constatée par une commission de trois (3) médecins agréés;

4° akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6);

5° asibye inama inshuro eshatu (3) zikurikirana nta mpamvu zifite ishingiro;

6° agaragaje imyitwarire yose yamutesha agaciro cyangwa yatesha agaciro umurimo akora cyangwa urwego arimo;

7° abangamira inyugu za REB;

8° ahamwe n'icyaha cya jenoside cyangwa icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenoside;

9° atacyujuje impamvu zashingiweho ashyirwa muri uwo mwanya;

10° apfuye;

Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya REB avuye mu mirimo ye mbere y'uko manda ye irangira, urwego rubifitiye ububasha rushyiraho umusimbura. Ushyizweho arangiza manda y'uwo asimbuye.

**<u>Ingingo ya 16:</u> Itumizwa n'iterana ry'inama z'Inama y'Ubuyobozi**

Inama y'Ubuyobozi ya REB iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida wayo cyangwa Visi-Perezida

4° he/she is sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months in a final judgement;

5° he/she fails to attend three (3) consecutive meetings without valid reasons;

6° he/she manifests any behaviour likely to compromise his/her dignity, that of his/her work or his/her position;

7° he/she jeopardizes the interests of REB;

8° he/she is convicted of the crime of genocide or genocide ideology;

9° he/she no longer fulfils the requirements considered at the time of his/her appointment;

10° he/she dies.

In case a member of the Board of Directors leaves office before expiry of his/her term of office, the competent authority appoints a substitute. The substitute appointed completes the predecessor's term.

**<u>Article 16</u>: Convening and holding of meetings of the Board of Directors**

The Board of Directors of REB is held every quarter and whenever necessary upon invitation by its Chairperson, or Deputy Chairperson in case of

4° il est définitivement condamné à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois;

5° il s'absente à trois (3) réunions consécutives sans raisons valables;

6° il manifeste tout comportement susceptible de compromettre sa dignité, celle de sa fonction ou celle de son rang;

7° il compromet les intérêts de REB;

8° il est reconnu coupable du crime de génocide ou d'idéologie du génocide;

9° il ne remplit plus les conditions pour lesquelles il avait été nommé;

10° il décède.

Lorsqu'un membre du Conseil d'Administration perd la qualité de membre avant l'expiration de son mandat, l'organe compétent nomme un remplaçant. Le remplaçant nommé termine le mandat de son prédécesseur.

**<u>Article 16</u>: Convocation et tenue des réunions du Conseil d'Administration**

Le Conseil d'Administration de REB se réunit une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, sur convocation de son Président ou de son Vice-

igihe Perezida adahari, abyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize.

Ubutumire bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Inama y'Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo inama iterane.

Icyakora, inama idasanzwe itumizwa mu nyandiko hasigaye nibura iminsi itatu (3) y'akazi kugira ngo iterane.

Mu byigwa n'Inama y'Ubuyobozi mu gihembwe cya mbere cy'umwaka w'ingengo y'imari harimo kwemeza raporo y'imari n'iy'ibikorwa mu mwaka urangiye.

Buri gihembwe kandi Inama y'Ubuyobozi igomba gusuzuma raporo y'imari n'iy'ibikorwa byerekeranye n'igihembwe kirangiye igashyikirizwa Urwego rureberera REB.

Umubare wa ngombwa kugira ngo inama y'Inama y'Ubuyobozi iterane ni bibiri bya gatatu (2/3). Icyakora, iyo inama itumijwe ubwa kabiri iterana hatitawe ku mubare w'abayigize bahari.

Umuyobozi Mukuru yitabira inama z'Inama y'Ubuyobozi, ariko igihe cyo gufata ibyemezo ntatora.

absence of its Chairperson at his/her own initiative or upon request in writing by at least one third (1/3) of its members.

The invitation is submitted in writing to the members of the Board of Directors at least fifteen (15) days before the meeting is held.

However, an extraordinary meeting is convened in writing at least three (3) working days before the meeting is held.

Among items to be examined by the meeting of the Board of Directors in the first quarter of the year include the approval of the financial and activity reports for the previous year.

Every quarter, the Board of Directors must examine the financial and activity reports relating to the previous quarter to be transmitted to the supervising authority of REB.

The quorum for a meeting of the Board of Directors to take place is two-thirds (2/3). However, when a meeting is convened for the second time it takes place regardless of the number of members present.

The Director General attends the meetings of the Board of Directors but he/she has no right to vote during decision making.

Président en cas d'absence du Président, de sa propre initiative ou à la demande écrite d'au moins un tiers (1/3) de ses membres.

L'invitation est adressée aux membres du Conseil d'Administration par écrit au moins quinze (15) jours avant la tenue de la réunion.

Toutefois, une réunion extraordinaire est convoquée par écrit au moins trois (3) jours ouvrables avant la tenue de la réunion.

Parmi les points à examiner par le Conseil d'Administration au cours du premier trimestre, figure l'approbation du rapport financier et du rapport d'activités de l'année précédente.

Chaque trimestre, le Conseil d'Administration doit examiner également le rapport financier et le rapport d'activités relatifs au trimestre précédent et les transmet à l'autorité de tutelle de REB.

Le quorum de la réunion du Conseil d'Administration est de deux tiers (2/3). Toutefois, lorsque la réunion est convoquée pour la deuxième fois, elle se tient sans considération du nombre des membres présents.

Le Directeur Général participe aux réunions du Conseil d'Administration mais il n'a pas le droit de vote dans la prise de décisions.

Uburyo Inama y'Ubuyobozi ifatamo ibyemezo buteganywa n'amategeko ngengamikorere ya REB.

**<u>Ingingo ya 17:</u> Itumira mu nama z'Inama y'Ubuyobozi ry'umuntu ushobora kuyungura inama**

Inama y'Ubuyobozi ya REB ishobora gutumira mu nama zayo umuntu wese ibona ushobora kuyungura inama ku ngingo runaka ifite ku murongo w'ibyigwa.

Uwatumiwe ntiyemerewe gutora no gukurikirana iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibyigwa

**<u>Ingingo ya 18</u>: Iyemezwa ry'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi n'inyandikomvugo yayo**

Inyandiko y'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi ishyirwaho umukono n'abayigize bitabiriye inama ikirangira, kopi yayo ikohererezwa urwego rureberera REB mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi.

Umuyobozi w'urwego rureberera REB atanga ibitekerezo ku byemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi kuva ayishyikirijwe. Iyo icyo

Modalities for decision-making by the Board of Directors are determined by the internal rules and regulations of REB.

**<u>Article 17</u>: Invitation of a resource person to the meetings of the Board of Directors**

The Board of Directors of REB may invite to its meetings any person from whom it may seek advice on a certain item on the agenda.

The invited person is not allowed to vote and take part in debates on other items on the agenda.

**<u>Article 18</u>: Approval of resolutions and minutes of the meeting the Board of Directors**

Resolutions of the meeting of the Board of Directors are signed by its members present immediately after the end of the meeting, and their copy is sent to the supervising authority of REB in a period not exceeding five (5) working days.

The head of the supervising authority of REB gives his/her views on the resolutions of the meeting of the Board of Directors in a period not exceeding fifteen (15) working days from their receipt. If this period expires before he/she gives his/her views,

Les modalités de prise de décisions par le Conseil d'Administration sont déterminées par le règlement d'ordre intérieur de REB.

**<u>Article 17</u>: Invitation d'une personne ressource aux réunions du Conseil d'Administration**

Le Conseil d'Administration de REB peut inviter à ses réunions toute personne dont il peut obtenir des conseils sur un point quelconque à l'ordre du jour.

La personne invitée n'est pas autorisée à voter et à prendre part à l'examen d'autres points à l'ordre du jour.

**<u>Article 18</u>: Approbation des résolutions et procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration**

Les résolutions de la réunion du Conseil d'Administration sont immédiatement signées par les membres présents après la séance et leur copie est transmise à l'autorité de tutelle de REB dans une période n'excédant pas cinq (5) jours ouvrables.

Le responsable de l'autorité de tutelle de REB donne son point de vue sur les résolutions de la réunion du Conseil d'Administration dans une période n'excédant pas quinze (15) jours ouvrables à partir de leur réception. Passé ce délai sans

gihe kirenze ntacyo ayivuzeho ibyemezo by'inama biba byemejwe burundu.

Inyandikomvugo y'inama y'Inama y'Ubuyobozi ishyirwaho umukono na Perezida n'umwanditsi bayo, ikemezwa mu nama ikurikira. Kopi y'inyandikomvugo yohererezwa Urwego rureberera REB mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) guhera umunsi yemerejweho.

**Ingingo ya 19: Umwanditsi w'Inama y'Ubuyobozi**

Umuyobozi Mukuru wa REB ni we mwanditsi w'inama z'Inama y'Ubuyobozi.

Umuyobozi Mukuru wa REB ntajya mu nama zifata ibyemezo ku bibazo bimureba.

Amategeko ngengamikorere ya REB agena umusimbura iyo adahari.

**Ingingo ya 20: Inyungu bwite ku kibazo gisuzumwa**

Iyo uri mu bagize Inama y'Ubuyobozi afite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu kibazo gisuzumwa, agomba kumenyesha bidatinze Inama y'Ubuyobozi, aho inyungu ze zishingiye.

the resolutions of the meeting are considered definitively approved.

The minutes of the meeting of the Board of Directors are signed by the Chairperson and the Rapporteur and approved during the next meeting. A copy of minutes of the meeting is sent to the supervising authority of REB in a period not exceeding fifteen (15) days from the day of its approval.

**Article 19: Rapporteur of the Board of Directors**

The Director General of REB serves as the rapporteur of the meetings of the Board of Directors.

The Director General of REB does not participate in the meetings that make decisions on issues that concern him/her.

In case of his/her absence, the internal rules and regulations of REB determine the person to replace him/ her.

**Article 20: Personal interest in issues on the agenda**

When a member of the Board of Director has a direct or indirect interest in the issue to be examined, he/she must immediately inform the Board of Directors about where his/her interest lies.

réaction du responsable, ces résolutions sont réputées définitivement approuvées.

Le procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration est signé conjointement par le Président et son rapporteur et soumis à la session suivante pour approbation. Une copie du procès-verbal est transmise à l'autorité de tutelle de REB dans un délai n'excédant pas quinze (15) jours à partir de la date de son approbation.

**Article 19: Rapporteur du Conseil d'Administration**

Le Directeur Général de REB est le rapporteur des réunions du Conseil d'Administration.

Le Directeur Général de REB ne participe pas aux réunions qui prennent des décisions sur des affaires qui le concernent.

En cas d'absence, le règlement d'ordre intérieur de REB détermine son remplaçant.

**Article 20: Intérêt personnel dans les points à l'ordre du jour**

Lorsqu'un membre du Conseil d'Administration a un intérêt direct ou indirect dans un point à examiner, il doit en informer immédiatement le Conseil d'Administration et montrer où ses intérêts

Umenyesha inyungu afite ku kibazo cyigwa, ntiyitabira inama yiga kuri icyo kibazo.

Iyo bigaragaye ko benshi cyangwa bose mu bagize Inama y'Ubuyobozi bafite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bisuzumwa ku buryo bidashoboka gufata ibyemezo kuri ibyo bibazo, ibyo bibazo bishyikirizwa urwego rureberera REB rukabifataho icyemezo mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30).

**Ingingo ya 21: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama**

Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama z'Inama y'Ubuyobozi bigenwa n'iteka rya Perezida.

**Icyiciro cya 2: Urwego Nshingwabikorwa**

**Ingingo ya 22: Abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa REB**

Urwego Nshingwabikorwa rwa REB rugizwe n'Umuyobozi Mukuru ushyirwaho n'Iteka rya Perezida n'abandi bakozi bahabwa akazi hakurikijwe amategeko abigenga.

Iteka rya Perezida rishobora kandi gushyiraho Abayobozi Bakuru Bungirije, rikanagena ububasha n'inshingano byabo.

The member who declares an interest in the issue to be examined cannot attend the meeting deliberating on that issue.

When it appears that many or all Board members of the Board of Directors have a direct or indirect interest in the issues to be examined in such a way that it is impossible to make a decision on the issues, the issues are submitted to supervising authority of REB to decide on them within thirty (30) days.

**Article 21: Sitting allowances of members of the Board of Directors**

Sitting allowances of members of the Board of Directors are determined by a Presidential Order.

**Section 2: Executive Organ**

**Article 22: Composition of the Executive Organ of REB**

The Executive Organ of REB is composed of the Director General appointed by a Presidential Order and other staff members recruited in accordance with relevant laws.

A Presidential Order may also appoint Deputy Directors General and determine their powers and responsibilities.

reposent. Le membre qui informe de son intérêt dans un point à examiner ne participe pas à la réunion qui examine ce point.

Lorsqu'il apparaît que beaucoup ou tous les membres du Conseil d'Administration ont un intérêt direct ou indirect dans les points à examiner de sorte que la prise de décision sur ces points devient impossible, ces points sont soumis à l'autorité de tutelle de REB qui y statue dans un délai de trente (30) jours.

**Article 21: Jetons de présence pour les membres du Conseil d'Administration**

Les jetons de présence alloués aux membres du Conseil d'Administration sont déterminés par arrêté présidentiel.

**Section 2: Organe Exécutif**

**Article 22: Composition de l'Organe Exécutif de REB**

L'Organe Exécutif de REB est composé d'un Directeur Général nommé par arrêté présidentiel et d'autres membres du personnel recrutés conformément à la législation en la matière.

Un arrêté présidentiel peut également nommer les Directeurs Généraux Adjoints et déterminer leurs pouvoirs et leurs attributions.

**Ingingo ya 23: Inshingano z'Urwego Nshingwabikorwa**

Urwego Nshingwabikorwa rwa REB rufite inshingano z'ingenzi zikurikira:

1° gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi ya REB;

2° gucunga neza abakozi n'umutungo bya REB;

3° gutegura no gushyikiriza Inama y'Ubuyobozi umushinga w'amabwiriza ngengamikorere n'uw'amategeko ngengamikorere ya REB;

4° kugira inama Minisitiri ufite uburezi mu nshingano ze ku ishyirwa mu bikorwa rya politiki y'amashuri y'incuke, abanza n'ayisumbuye;

5° gutanga raporo y'ibikorwa bya buri gihembwe ku rwego rw'Inama y'Ubuyobozi rwa REB;

6° gukora undi murimo rwahabwa n'Inama y'Ubuyobozi uri mu nshingano zayo.

**Article 23: Responsibilities of the Executive Organ**

The main responsibilities of the Executive Organ of REB are the following:

1° to ensure the implementation of the decisions of the Board of Directors of REB;

2° to ensure good management of personnel and assets of REB;

3° to prepare and submit to the Board of Directors the draft of the procedure manuals and that of the internal rules and regulations of REB;

4° to advise the Minister in charge of education on the implementation of policy related to nursery, primary and secondary education;

5° to submit a quarterly activity report to the Board of Directors of REB;

6° to perform such other duty assigned to it by the Board of Directors falling within its responsibilities.

**Article 23: Attributions de l'Organe Exécutif**

Les principales attributions de l'Organe Exécutif de REB sont les suivantes:

1° assurer l'exécution des décisions du Conseil d'Administration de REB;

2° assurer la bonne gestion du personnel et du patrimoine de REB;

3° élaborer et soumettre au Conseil d'Administration le projet des manuel de procédure et celui du règlement d'ordre intérieur de REB;

4° donner des conseils au Ministre ayant l'éducation dans ses attributions sur la mise en application de la politique de l'éducation préscolaire et de l'enseignement primaire et secondaire;

5° soumettre au Conseil d'Administration de REB le rapport d'activités trimestriel;

6° exécuter toute autre tâche relevant des attributions du Conseil d'Administration que ce dernier peut lui confier.

**(sé)**

**Ingingo ya 24: Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru wa REB**

Umuyobozi Mukuru wa REB afite ububasha bwo gufata ibyemezo mu micungire y'abakozi n'umutungo bya REB akurikije amategeko abigenga.

By'umwihariko, Umuyobozi Mukuru wa REB afite inshingano zikurikira:

1° gukurikirana no guhuza imirimo ya buri munsi ya REB;

2° gutegura no gushyikiriza Inama y'Ubuyobozi imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari izakoreshwa mu mwaka ukurikira na raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'umwaka ushize;

3° gushyira mu bikorwa ingengo y'imari no gucunga umutungo wa REB;

4° kugeza raporo y'ibikorwa bya REB ku Nama y'Ubuyobozi rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa;

5° guhagararira REB imbere y'amategeko no kumenyekanisha ibikorwa byayo;

6° kuba umuvugizi wa REB;

**Article 24: Powers and duties of the Director General of REB**

The Director General of REB has the powers to make decisions on the administrative and financial management of REB in accordance with relevant laws.

Particularly, the Director General of REB has the following responsibilities:

1° to monitor and coordinate the daily activities of REB;

2° to draft and submit the draft budget proposal to the Board of Directors for the following year as well as the finacial report for the previous year;

3° to ensure the budget implementation and management of REB property;

4° to submit the activity report to the Board of Directors of REB on a quarterly basis and at any time necessary;

5° to serve as the legal representative of REB and publicize its activities;

6° to serve as the spokesperson of REB;

**Article 24: Pouvoirs et attributions du Directeur Général de REB**

Le Directeur Général de REB dispose du pouvoir de décision dans la gestion administrative et financière de REB conformément à la législation en la matière.

En particulier, le Directeur Général de REB a les attributions suivantes:

1° suivre et coordonner les activités quotidiennes de REB;

2° élaborer et soumettre au Conseil d'Administration les projets de budget pour l'exercice suivant ainsi que le rapport financier pour l'exercice précédent;

3° assurer l'exécution du budget et la gestion du patrimoine de REB;

4° soumettre au Conseil d'Administration de REB, le rapport d'activités trimestriellement et chaque fois que de besoin;

5° être le représentant légal de REB et assurer la publicité de ses activités;

6° servir de porte-parole de REB;

7° gushyira mu bikorwa ibyemezo n'amabwiriza ahabwa n'inzego zimukuriye;
8° kuba Umwanditsi w'inama z'Inama y'Ubuyobozi;

9° gukora indi mirimo yashingwa n'Inama y'Ubuyobozi iri mu nshingano zayo.

Inshingano z'abandi bakozi b'Urwego Nshingwabikorwa rwa REB zigenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

**Ingingo ya 25: Sitati igenga abakozi ba REB**

Abakozi ba REB bagengwa na sitati rusange igenga abakozi ba Leta.

**Ingingo ya 26: Imishahara n'ibindi bigenerwa abagize Urwego Nshingwabikorwa**

Imishahara n'ibindi bigenerwa abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa REB biteganywa hakurikijwe amategeko abigenga.

**Ingingo ya 27: Imiterere n'imikorere by'inzego z'imirimo za REB**

Imiterere n'imikorere by'inzego z'imirimo za REB bigenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

7° to implement the decisions and instructions from the supervising organs;

8° to serve as a rapporteur of the Board of Directors;

9° to perform any other duty assigned to him/her by the Board of Directors falling within its responsibilities.

The responsibilities of other staff of the Executive Organ of REB are determined by a Prime Minister's Order.

**Article 25: Statutes governing the staff of REB**

The staff of REB are governed by the General Statutes for Public Service.

**Article 26: Salary and other benefits for members of the Executive Organ**

The salary and other benefits for the members of the Executive Organ of REB are determined in accordance with the relevant laws.

**Article 27: Organization, functioning and responsibilities of organs of REB**

The organization, functioning and responsibilities of organs of REB are determined by a Prime Minister's Order.

7° exécuter les décisions et les instructions des organes hiérarchiques;

8° servir de rapporteur du Conseil d'Administration;

9° effectuer toute autre activité relevant des attributions du Conseil d'Administration que ce dernier peut lui confier.

Les attributions des autres membres du personnel de l'Organe Exécutif de REB sont déterminées par un arrêté du Premier Ministre.

**Article 25: Statut régissant le personnel de REB**

Le personnel de REB est régi par le Statut général de la fonction publique.

**Article 26: Salaire et autres avantages accordés aux membres de l'Organe Exécutif**

Le salaire et autres avantages accordés aux membres de l'Organe Exécutif et au personnel de REB sont déterminés conformément à la législation en la matière.

**Article 27: Organisation, fonctionnement et attributions des organes de REB**

L'organisation, le fonctionnement et les attributions des organes de REB sont déterminés par arrêté du Premier Ministre.

## UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI

### Ingingo ya 28: Umutungo wa REB n'inkomoko yawo

Umutungo wa REB ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.

Umutungo wa REB ukomoka kuri ibi bikurikira:

1° ingengo y'imari igenerwa na Leta;

2° inkunga zaba iza Leta cyangwa iz'abafatanyabikorwa;

3° ibituruka ku mirimo ikora;

4° inyungu zikomoka ku mutungo wayo;

5° inguzanyo zihabwa REB zemewe na Minisitiri ufite imari mu nshingano;

6° impano n'indagano.

### Ingingo ya 29: Ingengo y'Imari ya REB

REB itegura ingengo y'imari yayo ya buri mwaka, ikemezwa n'Urwego rubifitiye ububasha kandi igakoreshwa hakurikijwe amategeko abigenga.

## CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE

### Article 28: Property of REB and its sources

The property of REB comprises movables and immovables.

The property derives from the following sources:

1º State budget allocations;

2º State or development partners' subsidies;

3º income from services rendered;

4º interest from its property;

5º loans granted to REB as approved by the Minister in charge of finance;

6º donations and bequests.

### Article 29: Budget of REB

REB prepares its annual budget to be approved by the relevant authority and executed in accordance with relevant laws.

## CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES

### Article 28: Patrimoine de REB et ses sources

Le patrimoine de REB est composé les biens meubles et immeubles.

Le patrimoine de REB provient des sources suivantes:

1° les dotations budgétaires de l'Etat;

2° les subventions de l'Etat ou des partenaires de développement;

3° les revenus des services prestés;

4° les intérêts de son patrimoine;

5° les prêts accordés à REB approuvés par le Ministère ayant les finances dans ses attributions;

6° les dons et legs.

### Article 29: Budget de REB

REB prépare son budget annuel qui est approuvé par l'autorité compétente et exécuté conformément à la législation en la matière.

**Ingingo ya 30: Imikoreshereze n'imigenzurire y'umutungo wa REB**

Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa REB bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri munsi ry'imikoreshereze y'umutungo wa REB buha raporo Inama y'Ubuyobozi, bukagenera kopi Umuyobozi Mukuru wa REB.

**Ingingo ya 31: Raporo y'umwaka w'ibaruramari**

Mu gihe kitarenze amezi atatu (3) akurikira impera z'umwaka w'ibaruramari, Umuyobozi Mukuru wa REB ashyikiriza urwego rureberera REB raporo y'umwaka w'ibaruramari, imaze kwemezwa n'Inama y'Ubuyobozi hakurikijwe amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo bya Leta.

**UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA**

**Ingingo ya 32: Kwegurira abakozi, umutungo amasezerano n'imyenda**

Abakozi, umutungo wimukanwa, utimukanwa, imyenda n'amasezerano byari iby'Ikigo gishinzwe guteza imbere uburezi mu Rwanda (REB) yashyizweho n'Itegeko n° 44/2010 ryo ku wa

**Article 30: Use, management and audit of the property of REB**

The use, management and audit of the property of REB are carried out in accordance with relevant laws.

The internal audit of REB submits its report to the Board of Directors and provides a copy to the Director General of REB.

**Article 31: Annual financial report**

Within three (3) months following the closure of the financial year, the Director General of REB submits to the supervising authority of REB the annual financial report after its approval by the Board of Directors in accordance with laws governing the management of State finance and property.

**CHAPTER VI: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS**

**Article 32: Transfer of staff, property, contracts and liabilities**

Staff members, movable and immovable assets as well as contracts and liabilities previously owned by Rwanda Education Board (REB) established by Law n°44/2010 of 07/12/2010 establishing

**Article 30: Utilisation, gestion et audit du patrimoine de REB**

L'utilisation, la gestion et l'audit du patrimoine de REB sont effectués conformément à la législation en la matière.

Le service d'audit interne de REB transmet son rapport au Conseil d'Administration avec copie au Directeur Général de l'Organe Exécutif de REB.

**Article 31: Rapport annuel de l'exercice comptable**

Dans les trois (3) mois suivant la fin de l'exercice comptable, le Directeur Général de REB transmet à l'autorité de tutelle de REB le rapport annuel de l'exercice comptable après son approbation par le Conseil d'Administration conformément aux loix régissant les finances et le patrimoine de l'Etat.

**CHAPITRE VI: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES**

**Article 32: Transfert du personnel, du patrimoine, des contrats et du passif**

Les membres du personnel, les biens meubles et immeubles ainsi que les contrats et le passif qui appartenaient à l'Office pour la promotion de l'Education au Rwanda (REB) créé par la Loi n°

07/12/2010 rishyiraho Ikigo gishinzwe guteza imbere uburezi mu Rwanda (REB) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo, byeguriwe REB ishyizweho n'iri tegeko hashingiwe ku nshingano n'imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo byacyo.

Agaciro k'ibyakozwe n'Ikigo gishinzwe guteza imbere uburezi mu Rwanda (REB) yashyizweho n'Itegeko n° 44/2010 ryo kuwa 07/12/ rishyiraho Ikigo gishinzwe guteza imbere uburezi mu Rwanda (REB) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo bigumana agaciro kabyo.

**<u>Ingingo ya 33</u>: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**<u>Ingingo ya 34</u>: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko binyuranyije n'iri tegeko**

Itegeko n° 44/2010 ryo ku wa 07/12/2010 rishyiraho Ikigo gishinzwe guteza imbere Uburezi mu Rwanda (REB) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

Rwanda Education Board (REB) and determining its responsibilities, organisation and functioning are transferred to REB established under this Law, according to its mission and organisational structure.

Acts done by Rwanda Education Board (REB) established by Law n°44/2010 of 07/12/2010 establishing Rwanda Education Board (REB) and determining its responsibilities, organisation and functioning remain valid.

**<u>Article 33</u>: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

**<u>Article 34</u>: Repealing provision**

Law n° 44/2010 of 07/12/2010 establishing Rwanda Education Board (REB) and determining its responsibilities, organization and functioning and all prior legal provisions contrary to this Law are repealed.

44/2010 du 07/12/2010 portant création de l'Office pour la promotion de l'Education au Rwanda (REB) et déterminant ses attributions, son organisation et son fonctionnement sont transférés à REB créé par la présente loi, conformément à ses missions et sa structure organisationnelle.

Les actes posés par l'Office pour la promotion de l'Education au Rwanda (REB) créé par la Loi n° 44/2010 du 07/12/2010 portant création de l'Office pour la promotion de l'Education au Rwanda (REB) et déterminant ses attributions, son organisation et son fonctionnement restent valables.

**<u>Article 33</u>: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en kinyarwanda.

**<u>Article 34:</u> Disposition abrogatoire**

La Loi n° 44/2010 du 07/12/2010 portant création de l'Office pour la promotion de l'Education au Rwanda (REB) et déterminant ses attributions, son organisation et son fonctionnement ainsi que toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**<u>Ingingo ya 35</u>: Igihe iri itegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 28/04/2017

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**<u>Article 35</u>: Commencement**

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 28/04/2017

**(sé)**
**KAGAME Paul**
President of the Republic

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

**<u>Article 35</u>: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 28/04/2017

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Président de la République

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux